


# MUSANA

## EXERCISE BOOK

32 PAGES

Name: ____________________

School: ____________________

Class: ____________ Year ____________

Subject: ____________________

KNOWLEDGE IS WEALTH

Nom et Prénom: UWIMANA MALACHIE

Père : KABUNGO JASSON

mère : NYIRABUTAMBARA Péline

Age : 20ans

Cellule : KANYINYA

Commune : MASANGO

Secteur : RWOGA

Prefect : GITARAMA

# I Itsembabwoko.

Itsembabwoko ubwendi ryazanywe n'abazungu baje mu Rwanda, bagisha kandi bashaka rubanda rumwe, kugirango babone uko bamarana, bityo nabo babone uko bagurisha ibikoresho byabo, mbese kugirango babibonere isoko.

Itsembabwoko ryatangiye kera, abanyarwanda bamwe bamaze kumvikana n'abazungu kandi bamaze no gutozwa uburyo bwo kwica. Uwo batari bahuje ibitekerezo ndetse n'ubwoko, kandi bashaka kugirango igihugu gihora mu mwijonga bityo barokarabankaba y'amaraso ngo babone amaronko.

Abazungu batangiye kubigisha ivanguramoko, batangira kubabwabanurira neza ko hari abaturutse muri Ethiopie baje bakurikiye inzuri z'inka zabo, aribo batutsi kahali ko aribo bagomba kwicwa.

Hakaba n'abandi baturutse muri Tchade na za Centrafrique bityo bakababwabanurira neza ko abatutsi ari ari abanzi babo kuko ngo babakoreshaga imirimo y'uburetwa, bityo icyo gice cy'abanyarwanda kigishijwe ubujiji bwo kurimbagura baje-

nzi babo nabo bakazajya babyigisha n'abana babo. Bimaze kubatangura babishyira mu bikorwa babifashijwemo n'abarimu babo ari bo bazungu.

Batangiye kwica bagenzi babo muri 48 barakomeza baratsemba izo nzirakarengane, noneho bishuka yuko byeshye ikivi muri Mata 1994, ntibakamenye ko ntababoffiro gushira;

Ubwo nibwo Umututsi wari warishyize hamwe, Utavangura amoko wahagurutse ga Ukarwanya izo nkorashyano. Bamwe muri izo nkorashyano barahagurutse, bajya mu bihugu bidukikije, bakomeza gutsembatsemba icyitwa Umututsi cyose, kuko bari bamaze kutsindwa kandi ingo nta wutsinda nukomena amaraso y'abantu barema we n'Imana

## Uko byangendekeye mu itembabuoko

Itsembabwoko ryageze muri Commune Masango riyobowa na Mfamo Zselnas wari bourgmestre hamwe n'umuhungu we George bafatanije n'izindi zigitaga impuzuke nkabo, dore ko ari zo zari inyiji za mbere muri Commune yacu ya Masango, kuko nta mpuzuke zari kwigisha bagenzi babo,

bigitka Rubanda gutemagura no kwica urubozo bene wabo.

Ubwo kuwa 20/04/94 nibwo batangiraga gusenya, kumenesha no gusahura muri za secteur zegeranye na Gikongoro ndetse na kibuye.

Muri secteur ya Rwoga bahageze kuwa 22 mata, bayobowe na Conseille Bitabaganira hamwe n'abari mu kazu kabo.

Byageje mu mugoroba w'iyo tariki baba batangiye kugota, Imana ikinga ikibaba maze twibaca mu nzara.

Ubwo batangira gusahura ndetse no gutwika amazu dore ko nabyo bari barabitojwe.

Ubwo twahise duhungira muri Commune ya Murama naho bahadukurikirana, Uwo bababashije gutwara nawe bakamugeza na kutuzi Bakamwica

Ubwo njyewe nahungaanye na Maman noneho tuza guhura n'umubyeyi wari ufite agahinja kandi ahetse nabi cyane, noneho arantwaza Uwo mwana nawe aramusindagiza ngo arebe ko ya mubonera icye atya noneho igitero cyaba kiraje, kiramutwara hamwe n'uwo mubyeyi

Barabajyanye, babambura inyenda ya se babo bambaye, babashyikiriza igitero cyari gituturutse Imasango,
Uwo mugore wari ufite umwana we baza kumureka noneho Mamaa bahita bamubohera inyuma baramujyana bajya kumwica.

Ubwo Papa we yari yarahunze nubwo yari yarahunze ukwe kuko bamushakagaga cyane ngo bamwice kuko ngo yari afite umwana mu nkotanyi agira amahirwe, umwe mu batararigaga rumwe nabo bicanyi arababwira kati yagiye mu Burundi noneho bagabanya umurego wo kumushaka ariko ubundi mu byukuri yahungiye muri Commune ya Muranda kugeza ubwo yagiye mu nkotanyi mu Ruhango aho bowe inzira n'uwari Umudépite muri PL Pawa Oradi Gatorano wari utuye i Gitwe, dore ko yari atunze abantu benshi iwe yaboshije kandi nabo kubarokora kuko bamwe n'ubu bakiriho.

ABAntu bo mu muryango wacu baba barazimijwe na Genoside

A) Umuryango wa Mamaa

1) maman
2) musaza wa maman n'abana be 3
3) se wabo n'abana be bose hamwe n'umugore we.
4) Barumuna be 2 hamwe n'imiryango yabo

__Abo mumuryango wa Papa__

1) Murumuna we umwe hamwe n'abana witwaga Mudenge hamwe n'abana be babiri we bamwishe agiye kureba abo yari yarasize umugore we, noneho yi-twa n'abo yari yarizeye, yishwe na umukungu wa Semushi Straton wari utuye muri cellule ya Suzu, bamwishe bamutemagurye n'umuhoro
2) Maman we (Kambibi Delfine) yajyanywe n'igitero kimuta mu ruzi
3) Se wabo hamwe n'umugore we bishwe n'interahamwe babatsinda (batowe yitwaga (Pasteur Bitari Zacharie hamwe n'umugore we Débora

ndetse n'umwana wabo wari warangije Université i Butare bamutsinda i Butare kuko niho yakoraga icyo gihe, yitwaga Uzziel ndetse na mushiki we Suzana.

Twangize tubasaba kugira urukundo n'ishyaka ndetse n'ubutwari nk'uko kazi kanjye ka buri munsi kandi tubasaba kutubera urugero rwiza kuko aribyo bizubaka igihugu

kuko nitwe Rwanda rwejo kandi muririnda icyateza impagarara mu gihugu ndetse no mu rubyiruko, muririnda kugira inda nini kandi mufasha abacitse ku icumu bose, kugirango imitima yabo ibashwe gu-sanwa

The remaining pages of this booklet
were blank and are not included
in this digital reproduction.